DSHS WASHINGTON STATE Department of Social and Health Services

Office of Refugee and Immigrant Assistance (ORIA)

Uruhushya rwo gutanga amakuru

Authorization to Release Information

Njyewe, _____ (amazina y'umukiriya), nemeye guha _____ (utanga serivisi) amakuru yanjye kugira ngo mpabwe serivisi, nkaba muhaye n'uruhushya rwo gutanga amakuru yanjye mu biro bishinzwe gufasha impunzi n'abimukira muri Washington, mu ishami rishinzwe ubuzima n'imibereho myiza. Ndazirikana ko aya makuru ashobora guhabwa abandi batanga serivisi ziterwa inkunga na ORIA, kandi ko ORIA ishobora gutanga amakuru yanjye mu biro bishinzwe gutuza impunzi (ORR) muri Amerika, mu ishami rishinzwe ubuzima n'imibereho myiza nk'uko bisabwa na politiki z'igihugu. Amakuru yanjye azatangwa ashobora kubamo amakuru y'ibanze aranga umuturage, amakuru y'aho mboneka n'imiterere y'ubwimukira bwanjye, ariko si aya gusa. Amakuru yanjye azatangwa hagamijwe gusa guhuza ibikorwa no kumfasha kubona serivisi zikwiye zijyanye n'indimi n'umuco, ndetse no gutanga amakuru yanjye muri ORR. Amakuru yanjye ashobora gutangwa umuntu ahibereye, kuri imeyili cyangwa mu buryo bwa elegitoroniki, cyangwa ku iposita.

Icyitonderwa: Niba dosiye y'umukiriya irimo amwe mu makuru akurikira, ugomba kuzuza iki gice kugira ngo ushyiremo inyandiko zayo.

Ntanze uruhushya rwo gutanga amakuru akurikira (vivura iby'ukuri byose):

☐ Ubuzima bwo mu mutwe ☐ Ibisubizo by'ibizami bya virusi itera sida/sida n'indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina, indwara zasuzumwe cyangwa ubuvuzi

☐ Ibibazo bijyanye no gukoresha ibiyobyabwenge

Vivura kimwe mu bikurikira:

☐ Sinkeneye serivisi z'isemura, kandi nasomye ibiri kuri iyi fishi yo gutanga uruhushya ndabisobanukirwa neza.

☐ Nasomewe ibiri kuri iyi fishi n'umusemuzi nomero / amazina _____. Uyu muntu cyangwa iki kigo bavuga neza icyongereza n'ururimi rwanjye kavukire, nkaba nsobanukiwe neza ibiyiriho.

- Uru ruhushya rwo gutanga amakuru rufite agaciro k'umwaka umwe uhereye ku itariki rushyiriweho umukono cyangwa kugeza kuwa _____.
- Igihe cyose nashakira nahagarika cyangwa ngakuraho uru ruhushya, mu nyandiko, ariko bikaba bitareba amakuru yamaze gutangwa.
- Kopi y'iyi fishi ifite agaciro k'uruhushya rwo gutanga ibiri muri dosiye yanjye.

Umukono w'umukiriya/uhagarariye umukiriya Itariki	Nomero ya dosiye y'umukiriya cyangwa iranga umunyamahanga
Umukono w'umubyeyi cyangwa umurezi wemewe n'amategeko Itariki	Umukono w'ukorera utanga serivisi Itariki

Itangazo rireba abagenewe amakuru: Niba dosiye irimo amakuru ajyanye na virusi itera sida, indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina cyangwa sida, ushobora kutayatanga mbere y'uko umukiriya abitangira uruhushya rwihariye. Niba uhawe amakuru ku mukiriya ajyanye no gukoresha ibiyobyabwenge cyangwa ibisindisha, ugomba kwandika aya magambo mu makuru utanze ku nshuro zikurikiyeho nk'uko bisabwa na 42 CFR 2.32:

Aya makuru wayahawe avuye muri dosiye irinzwe n'amategeko agenga ibanga muri Amerika (42 CFR igice cya 2). Amategeko y'Amerika akubuza gutanga amakuru na we wahawe keretse uko kuyatanga byemewe ku buryo budasubirwaho mu ruhushya rwanditse rw'umuntu bireba cyangwa bikaba byemewe hakurikijwe 42 CFR igice cya 2. Uruhushya rusanzwe rwo gutanga amakuru y'ubuvuzi cyangwa andi makuru NTIruhagije kuri iyi mpamvu. Amategeko y'Amerika abuza gukoresha aya makuru uko ari ko kose mu ipererezа ry'ibyaha cyangwa mu gushinja umurwayi ikoreshwa ry'ibisindisha cyangwa ibiyobyabwenge.